
GAKENKE DISTRICT

# Ikinyamakuru cy'Igihembwe cya Gatatu cya 2024/2025

## ABESAMIHIGO B'AKARERE KA GAKENKE



Gakenke: Umusaruro w'ibigori w'igihembwe cya 2025A warenze Toni ibihumbi 50 >> Page 3



Uruhare rw'amatsinda yo kwizigamira mu kwishyura umusanzu w'Ubwisungane mu Kwivuza >>> Page 4

Akarere ka Gakenke kahize utundi mu bwizigame bw'Igihe kirekire (Ejo Heza) >> Page 5



Gakenke: Hatangijwe icyumweru cyahariwe ubuzima bw'umubyeyi n 'umwana >> page 6



Abayobozi b'Akarere basuye abafatanyabikorwa baganira ku kwagura ubufatanye >> Page 7-8

# Intangiriro

Iki Kinyamakuru gikubiyemo inkuru n'ibikorwa byabaye mu Karere ka Gakenke mu gihembwe cya Gatatu cy'umwaka w'ingengo y'Imari wa 2024/2025

Akarere ka Gakenke ni kamwe mu Turere dutanu tugize Intara y'Amajyaruguru y'u Rwanda. Gatuwe n'Abaturage 389 110. Abagore 196, 512 (50.5%), Abagabo 192,598 ( 49.5 %).

Ubuhinzi niwo mwuga ukorwa ukanatunga abaturage benshi mu Karere ka Gakenke, aho abasaga 92.8% by'abaturage bose bagatuye ari abahinzi. Akarere ka Gakenke kazwiho guhinga no kweza kawa ifite umwihariko mu buryohe ariko bitewe n'imiterere yako, gakunze kugirwaho ingaruka n'ihindagurika ry'ibihe bikagira ingaruka ku baturage bako.

## Bimwe mu bipimo wamenya ku Karere ka Gakenke:

- **Mu gihembwe cy'ihinga cya 2025A hasaruwe Toni 50 400 z'ibigori.**
- **Abahinzi ba kawa biteze Toni 544 z'umusaruro wa kawa y'amaganda.**
- **Imiryango itishoboye 750 yorojwe inka muri gahunda ya Girinka.**
- **Imiryango 7 226 muri 11744 iri mu muhigo w'Akarere, yahujwe n'amahirwe ayifasha kwivana mu bukene .**
- **Imirimo mishya yahanzwe mu Karere ni 1772.**
- **Ukwezi kwa Werurwe kwarangiye Abaturage bamaze kwizigamira muri EJO HEZA ari 112.3%.**
- **Hubatswe ibyumba by'amashuri 25 mu mushinga wa Pro-Poor Basket Fund.**
- **Abaturage 13 500 barengeje imyaka 15 bigishijwe gusoma, kubara no kwandika.**
- **Inyubako y'ububiko y'Akarere: Igeze ku gipimo cya 98%.**
- **Ibiro by'Utugari 17 byaravuguruwe, hanubakwa ibindi bishya bibiri.**

# Gakenke: Umusaruro w’ibigori w’igihembwe cya 2025A warenze Toni ibihumbi 50

Abahinzi bo mu Karere ka Gakenke barishimira ko umusaruro w’ibigori w’igihembwe cy’ihinga cya 2025A wabaye mwinshi ugereranyijwe n’uwo bari biteze gusarura.

Imibare yakusanyijwe n’ishami ry’ubuhinzi n’ubworozi mu Karere ka Gakenke igaragaza ko mu gihembwe cy’ihinga cya 2025A habonetse umusaruro w’ibigori ungana na toni 50 400 mu gihe hari hitezwa umusaruro ungana na Toni 46 390, 62.

Ku wa 05 Werurwe 2025, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana NIYONSENGA Aimé François, yasuye abahinzi bo mu Murenge wa Gashenyi basobanuye ko bishimiye umusaruro wabonetse, bashimangira ko uzabafasha kubona amafaranga no kuzamura imibereho myiza y’abagize imiryango yabo.



**Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana NIYONSENGA Aimé François, yasuye abahinzi bo mu Murenge wa Gashenyi**

# Abadepite bagenzuye ibikorwa bifasha kubungabunga umusaruro w'ubuhinzi

Kuwa 21 Werurwe 2025, Abadepite bagize Komisiyo y'Ubutaka, Ubuhinzi, Ubworozi n'Ibidukikije barimo Hon Muzana Alice na Hon UWAMURERA Olive basuye Akarere ka Gakenke, mu ruzinduko rugamije gukurikirana ibikorwa bifasha kubungabunga umusaruro w'ubuhinzi hagamijwe gufasha abaturage kwihaza mu biribwa. Banyuzwe n’uburyo abahinzi babungabunga umusaruro binyuze mu makoperative bakoreramo



Abadepite basuye ubwanikiro bw’abahinzi bo mu Murenge wa Gashenyi

# Gakenke: Umusaruro wa Kawa uzagera kuri Toni 544

Kawa ni kimwe mu bihingwa ngengabukungu gihingwa mu Karere ka Gakenke, by'umwihariko ikaba ikunzwe ku isoko ryo mu Rwanda no mu mahanga kubera umwihariko ifite mu bwiza n'uburyohe.

Ishami ry'ubuhinzi n'ubworozi mu Karere ka Gakenke rigaragaza ko umusaruro wa Kawa y'amaganda w'igihembwe cy'ihinga cya 2025A uzagera kuri toni 544.

Umwe mu bahinzi ba Kawa wo mu Murenge wa Mugunga, Uwayezu Fabien, avuga ko hari icyizere ko umusaruro wa Kawa w'iki gihembwe cy'isarura uziyongera bitewe n'uko ikirere cyabaye cyiza kandi iyo urebye mu murima ubona ko zifite ibitumbwe byinshi.

Abahinzi ba kawa bo mu Karere ka Gakenke bamaze imyaka myinshi baza mu ba mbere mu kugira umusaruro mwiza, nk'uko byagiye bigaragazwa n'amarushanwa atandukanye ya Coffee Cup of Excellence aba buri mwaka mu Gihugu.



Kawa ni kimwe mu bihingwa ngengabukungu gihingwa mu Karere ka Gakenke



**Abahinzi ba Kawa bavuga ko ibitumbwe ari byinshi, bitanga icyizere ko n'umusaruro uzaba mwinshi**


# Uruhare rw'amatsinda yo kwizigamira mu kwishyura umusanzu w'Ubwisungane mu Kwivuza

Kuva mu myaka yashize kugeza uyu munsi, Abaturage b'Akarere ka Gakenke bakomeje kwesa umuhigo wo gutanga ubwisungane mu kwivuza. Ku wa 30 Kamena 2024, abaturage bose bari bamaze kwishyura umusanzu wa 2024/2025, abandi batangiye kwishyura uw'umwaka utaha wa 2025/2026, aho ku wa 31 Werurwe 2025, bari bageze kuri 7%, Umurenge wa Muzo ariwo uri imbere ugeze kuri 43%.

Abaturage bavuga ko amatsinda yo kwizigamira babamo abafasha kwishyurira uwo musanzu ku gihe nk'uko Nayiga Edith na Nyirambarushimana Vestine bo mu Kagari ka Buheta, Umurenge wa Gakenke babisobanuye.

Nayiga ati "Turizigama, tukanagurizanya ariko intego nyamukuru ni ukwishyura mituelle. Iyo umwaka ushize turagabana buri wese akabona ayo yishyura mituelle."

Nyirambarushimana asobanura ko umuryango w'abantu benshi kubonera amafaranga rimwe bigorana ariko iyo umuntu agiye yizigamira make make, umwaka ushira yarabonetse.






**Nayiga Edith (Ibumoso) na Nyirambarushimana Vestine (Iburyo) bavuga ko amatsinda abafasha kwishyurira mituelle igihe**

# Akarere ka Gakenke kahize utundi mu kwizigamira muri Ejo Heza

Raporo yatangajwe ku wa 15 Gashyantare 2025, igaragaza ko Abaturage b'Akarere ka Gakenke bari bamaze kwizigamira miliyoni 375, 496, 219 (100.1%) Frw mu Kigega Ejo Heza, barengeje Intego bihaye ya miliyoni 375Frw.

Ejo Heza ni uburyo bwo kwizigamira bw'igihe kirekire bwatangijwe na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi, bukaba bucungwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ubwiteganyirize (RSSB).

Ku wa 31 Werurwe 2025, ubwizigame bw'Abaturage b'Akarere ka Gakenke bwari bumaze kugera ku 112.3%, umuhigo wagezweho ku bufatanye binyuze mu bukangurambaga bugamije kumvisha abaturage akamaro ko kwizigamira


District Ranking by Targets/Savings 2024/ 2025

| S/N | DISTRICTS | ACHIEVEMENTS | TARGETS | % | GAP | Province |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Gakenke | 375,495,219 | 375,000,000 | 100.1% | -495,219 | Amajyaruguru |
| 2 | Burera | 296,251,160 | 300,000,000 | 98.8% | 3,748,840 | Amajyaruguru |
| 3 | Rwamagana | 314,010,810 | 320,000,000 | 98.1% | 5,989,190 | Iburasirazuba |
| 4 | Musanze | 279,973,579 | 300,000,000 | 93.3% | 20,026,421 | Amajyaruguru |
| 5 | Rubavu | 328,313,132 | 375,000,000 | 87.6% | 46,686,868 | Iburengerazuba |

ku wa 15 Gashyantare 2025, Abaturage b'Akarere ka Gakenke bari bamaze kwizigamira miliyoni 375,



Muri Werurwe 2025, ubwizigame bw'Abaturage b'Akarere ka Gakenke bwari bumaze kugera ku 112.3%,

# Imibereho myiza

## Gakenke: Hatangijwe icyumweru cyahariwe ubuzima bw'umubyeyi n 'umwana

Ku wa 13 Mutarama 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Uwamahoro Marie Thérèse yifatanyije n'Abaturage bo mu Murenge wa Muzo mu birori byo gutangiza icyumweru cyahariwe ubuzima bw'umubyeyi n 'umwana.

Hatanzwe ubutumwa bushishikariza ababyeyi: Kurinda umwana igwingira, Guhesha abana bafite amezi 6-59 Vitamine A, Gukingiza abana bacikanwe n'ibindi hagamijwe kubungabunga ubuzima bw'umubyeyi n'umwana



Hatanzwe ibinini bya Vitamine A, ababyeyi bashishikarizwa gukikingiza abana inkingo zose

## Gakenke: Hasuwe ibikorwa by'Umushinga Pro Poor Development-Basket Fund

Ku wa 23 Mutarama 2025, Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, Madame Mukandayisenga Vestine, yakiriye itsinda ryari riyobowe na Hon. KAYISIRE Marie Solange, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, mu ruzinduko rugamije gusura imishinga y'iterambere iterwa inkunga binyuze mu Kigega Pro-Poor Development Fund.




Basuye ibikorwa byubatswe ku nkunga y'uyu mushinga birimo amashuri n'amavuriro byo mu Karere ka Gakenke mu Ntara y'Amajyaruguru. Iri tsinda ryari rigizwe na Hon. Heike Uta Dettmann, Ambasaderi w'u Budage, Hon. Antoine Anfré, Ambasaderi w'u Bufaransa na Madamu Charlotte Helminger, Chargé d'Affaires wa Luxembourg.

Basuye imishinga ibiri ifite ingaruka nziza mu Murenge wa Janja, igamije kunoza serivisi z'ibanze no guteza imbere imibereho myiza y'abaturage. Mu bikorwa basuye harimo ishuri ribanza rya Karama n'Ikigo Nderabuzima cya Rutake cyavuguruwe



EP Karama mu Murenge wa Janja ni kimwe mu bigo by'amashuri byasaniwe ibyumba by'amashuri muri uyu mushinga

# Imiyoborere myiza

## Gakenke: Abadepite bifatanyije n'Abaturage kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore

Ku wa 8 Werurwe 2025, u Rwanda rwifatanyije n'Isi yose mu birori byo kwizihiza ku nshuro ya 50, Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore. Ku rwego rw'Akarere, ibi birori byabereye mu Kagari ka Rwesero, Umurenge wa Ruli.


Abadepite bifatanyije Abaturage kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'umugore

Ibi birori byaranzwe n'ibikorwa bitandukanye birimo kuremera imiryango itishoboye n'iyabaye indashyikirwa irimo umwe worojwe inka. Hari kandi gusezeranya imiryango yabanaga mu buryo butemewe n'amategeko n'ibiganiro bigaruka ku ruhare rw'umugore mu iterambere ry'umuryango n'Igihugu muri rusange

Ibi birori byitabiriwe n'abashyitsi batandukanye barimo Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda barimo Hon. NIZEYIMANA Pie, Hon. MUKANDANGA Speciose na Hon. MAZIMPAKA Jean Claude. Hari kandi Umuyobozi w'Akarere Madame Mukandayisenga Vestine, Visi Meya ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame UWAMAHORO Marie Thérèse, abahagarariye amadini n'amatorero, inzego z'umutekano n'abandi batumirwa.



## Abayobozi b'Akarere basuye abafatanyabikorwa bagirana ibiganiro bigamije kwagura ubufatanye

Ku wa 13 Mutarama 2025, itsinda ry'Abayobozi b'Akarere ka Gakenke rihagarariwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Bwana Mugwiza Télesphore, Meya, Madame Mukandayisenga Vestine na Visi Meya ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Niyonsenga Aimé François, ryagiriye uruzinduko rw'akazi ku biro by'ubuyobozi Bukuru bw'umushinga World Vision Rwanda.

Ibiganiro byabo byibanze ku gukomeza ubufatanye no gusuzuma amahirwe yo kwagura ibikorwa bya World Vision Rwanda mu Karere hose.


Ifoto y'urwibutso ku biro bya World Vision Rwanda

Ifoto y'urwibutso ku biro bya Duhamic-Adri

Uwo munsi kandi, abayobozi b'Akarere ka Gakenke basuye abayobozi ba Duhamic-Adri na Trocaire, baganira ku ngingo nshya zikeneye ubwunganizi, impande zombi zakwaguriramo ubufatanye, harimo ibyo guhangana n'ingaruka z'imindagurikire y'ikirere.



# Abagize Komite Nyobozi baganirije abaturage kuri gahunda za Leta mu Nteko z'Abaturage

Abagize Komite Nyobozi y'Akarere ka Gakenke bifatanyije n'Abaturage mu Tugari dutandukanye, mu Nteko y'Abaturage, babaganiriza kuri gahunda zitandukanye za Leta.

Muri izi Nteko, bakiriye kandi banasubiza ibibazo by'abaturage, banabasangiza amakuru y'ingenzi kuri politiki za Leta zitandukanye. Inteko y'Abaturage ni imwe muri gahunda zinagira uruhare mu gukomeza ubusabane n'ubufatanye hagati y'abayobozi n'abaturage.



Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage, Madame Uwamahoro Marie Thérèse, mu Nteko y'abaturage yabereye mu Murenge wa Rushashi k u wa 09 Mutarama 2025



**Umuyobozi w'Akarere, Madame Mukandayisenga Vestine, yifatanyije n'Abaturage b'Akagari ka Kidomo mu Murenge wa Kamubuga, mu Nteko yo ku wa 25 Gashyantare 2025**



Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana NIYONSENGA Aimé François mu Nteko y'Abaturage yabereye mu Murenge wa Karambo ku wa 04 Werurwe 2025

# Gakenke habaye inama y’Ubumwe n’Ubudaheranwa

Ku wa 03 Mutarama 2025, Umuyobozi w’Akarere, Madame Mukandayisenga Vestine,  yahaye ikaze abitabiriye inama y’Ubumwe n’Ubudaherwanwa yo ku rwego rw’Akarere, yari ifite insanganyamatsiko igaruka ku ruhare rw’Abayobozi mu guteza imbere Ubumwe n’Ubudaheranwa.

Guverineri w’Intara y’Amajyaruguru, Bwana Mugabowagahunde Maurice, yatanze ikiganiro kigaruka ku mateka y’u Rwanda, mbere, mu gihe na nyuma y’Ubukoloni.
Abitabiriye inama batanze ibitekerezo banafata ingamba zafasha mu gusigasira Ubumwe n’Ubwiyunge bw’Abanyarwanda.




**Guverineri w’Intara y’Amajyaruguru, Bwana Mugabowagahunde Maurice arimo atanga ikiganiro ku mateka y’u Rwanda**

# Abadepite bagize Komisiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo wa Leta basuye Akarere ka Gakenke

Ku wa 21 Mutarama 2025, Umuyobozi w'Akarere, Madame Mukandayisenga Vestine yahaye ikaze Abadepite bagize Komisiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo wa Leta mu Nteko Ishinga Amategeko y’u Rwanda, bari mu rugendo rwo gukurikirana no kumenya igipimo cy’ikoreshwa ry’ingengo y’imari mu mezi atandatu abanza ya 2024/2025.

Muri uru rugendo kandi basuye imishinga y’iterambere, banakurikirana ibibazo bijyanye n’ikoreshwa ry’ingengo y’imari byagaragajwe n’isesengura ry’imyanzuro y’inteko rusange y’umutwe w’Abadepite ikurikiranwa n'iyi komisiyo.



**Abadepite bagize Komisiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo bya Leta basuye Akarere ka Gakenke**

# Gakenke: Hasojwe icyumweru cy'umujyanama

Hagati y'italiki ya 11-29 Werurwe 2025, Abajyanama mu Nama Njyanama y'Akarere ka Gakenke bakoze ibikorwa by' icyumweru cy'Umujyanama, mu rwego rwo guteza imbere imiyoborere ishingiye ku muturage.
Ni gahunda yo kwegera abaturage hagamijwe kubaganiriza ibikubiye mu cyiciro cya kabiri cya gahunda ya Guverinoma (NST2) n'imihigo y'Akarere y'Umwaka w'Ingengo y'Imari wa 2024/2025, yakorewe mu Mirenge ya Muhondo, Muzo, Janja na Busengo.

Muri rusange mu cyumweru cy'Umujyanama hakozwe ibikorwa birimo:

- Kwakira ibibazo by'Abaturage, bafatanyiriza hamwe kubishakira ibisubizo.
- Kwifatanya na bo muri gahunda za Leta zitandukanye nk'Umuganda rusange, Inteko y'Abaturage n'ibindi.
- Gusura ibikorwa by'imihigo biri mu Mirenge,
- Gusuzuma imitangire ya Serivisi mu Mirenge
- Kuganira n'urwego rw'Umurenge (Inama Njyanama n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa)
- Ibiganiro n'Abahagarariye abaturage





Abajyanama basuye imishinga ikomeye Akarere gafite irimo uwo kubaka urugomero rw'amashanyarazi rwa Nyabarongo II

# Gushimira



Mukandayisenga Vestine,
Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke

**Akarere ka Gakenke turashimira byimazeyo kuba muri bamwe mu basomyi b'inyandiko zacu. Duha agaciro uruhare rwanyu n'igihe mufata mugasoma, kandi dushimira kuba muri abafatanyabikorwa mu rugendo rwo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage b'Akarere ka Gakenke.**

**Inkunga mukomeje kuduha idutera imbaraga zo gukomeza kubagezaho ibikubiyemo ubutumwa bufite akamaro. Ibyo mubigiramo uruhare binyuze mu bitekerezo mutanga ku nyandiko nk'iyi iba yanditswe, mushima cyangwa mutwereka uburyo twabinoza kurushaho.**
**Mukomeze mukurikirane amakuru mashya kandi yihariye mutasanga ahandi, n'ibindi tubabikiye kubagezaho mu gihembwe gitaha.**



# Murakoze

# Iki kinyamakuru cyatunganyijwe

# na:

**NSENGIMANA Evariste,**

**Umukozi w'Akarere ka Gakenke ushinzwe Inozamubano, Itangazamakuru n'Itumanaho**

**Uwakosoye iki kinyamakuru:**

## NIYONSENGA Aimé François,

**Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu,**

**CONTACTS:**
**Telephone: 0788972522**

**Email:**
**nsengimana.evariste@gakenke.gov.rw**